

Ihame ry'icungamutungo mu Kuzigama



“Umugabo w’umunyabwenge azigamira ejo hazaza, ariko umugabo w’umupfapfa arasesa ntacyo yazigamiye ejo hazaza.”

Imigani 21:20

Byandistwe na rwiyemezamirimo,
John E. Schrock

Ca akarongo ku i jambo nyamukuru ubonye muri iri ihame.

Mu myaka yahise byafatwaga nk’ubupfapfa iyo umuntu yakoresheje amafaranga uko yiboneye, igicere cyazgamwe cyafatwaga nk’inyungu. Abantu bajyaga kugura ari uko bafite amafaranga. Barazigamaga kugira ngo babone icyo bifuzaga, kandi bakazirikana ko basigarije abana babo. Kamere y’umuntu yagerwaga hakurikijwe uburyo ashobora kuzigama hamwe n’inyifato igaragaza indangagaciro ze, haba amafaranga, ibicuruzwa, cg ikinyabupfura. Abantu bari bazi “ibyiza byo kuzigama.” Ihame ryo kuzigama ryubakaga imyumvire y’agaciro. Ibitekerezo byacu bizahora mu kufata neza ibintu, kugira ngo birambe, gusana ibitameze neza, hamwe no kubona umusaruro ku byo dusanganywe. Bizagabanya gusesa rya hato na hato, bityo bidutere kwibaza ku ireme n’agaciro k’igicuruzwa amaherezo bihindure ibitekerezo byacu ku” Ese ni iki n’abona?” mu “Gushimira Imana kubyo mfite uyu muni.” Ntabwo ari bibi gutekereza ku byo twifuzaga kugira, mu gihe bifite umurongo ubigenga. Tuzaba twirinzwe ibibazo mu gihe tubanje kwibaza ibi bibazo bine igihe cyose, mbere yo gukoresha amafaranga yacu:

1. Ese ndabikoneye?
2. Ese nshoboye kucyigira?
3. Ese ni kuki ngishaka?
4. Ese ni ryari nakigira?

Twamaze kwiyubakamo imyumvire yo gukorera abandi, kandi twaremewe gutekereza, “ niba ngishaka, nzakibona. Ndagikwiye ubu none. Nzacyishuza maze mbonereho najye kwishyura ibintu bindeba.” Biyo ugasanga twakoresheje amafaranga, tukagura, tugasesa, twibaza ko turimo kwihaza ngo tugendere ku murongo umwe na

bagenzi bacu. Maze kubera ubupfapfa ugasanga twatanze twakoresheje menshi kurenza ubushobozi dufite.

Kuri twe usanga byoroshye kuguza cg kwaka inguzanyo. Bityo tukibasirwa n’umwenda wakataraganya, hariho n’amadeni adasaba inyungu atwibunzaho, “ ngo ntacyo tugusaba mu gihe cy’umwaka” n’ibindi byinshi. Nyamara ntibakubwire uko bizagenda mu mwaka utaha dore ko inyungu izamuka cyane. Ugasanga batuzitira mu muri za gahunda z’uko tuzishyura akenshi zisa nkizishobora kunanirana, maze bigateza ibibazo mu bashakanye no mu buzima bwacu. Ariko kandi, aya makarita y’umwenda aba meza ku bayashoboye.

Abazi ubwenge, barazigama—bakoresha umutungo wabo bitonze. Ntabwo bahitamo kugira konti yo kuzigama gusa, bashora imari mu mitungo, inyubako, ndetse n’ubucuruzi busanzwe. Bizera imana ndetse nabo ubwabo bariyizera. Ndetse ntibatinda gushora imari no mu bindi bikorwa, kuko bemera gufatanya kandi ntibatinye gufatanya nabo. Ntabwo ari abaguzi gusa, ahubwo ni abashoramari bazigamiye kera. Iyo ibintu byakomeye, bo ntacyo bikanga. Usanga ntakintu kibateye ubwoba, haba ku makarita yo kuguza,

hamwe na banki yabo.

Ndibaza ko iyo igihugu cyacu kiza kwitwaza iri hame ryo kuzigama no gukoresha biciye akenge, ubu none ntabwo twari kuba twibasiwe n’umwenda wa tiriyari z’amadorari. Imana iba ifite uburyo bwiza kandi bukoreka neza. Bizana amahoro mu murungo wacu, bivana igitutu n’amananza mu buzima bwacu, kandi n’abana bacu hamwe n’abazukuru bacu bazabidushimira kubaha urugero rwiza. Vuba bidatinze rero tugomba kwiga gukoresha ibiyumviro byacu maze dukurikize amabwiriza yayo. Mu gihe tudahisemo kubikora ubu ngubu, mu gihe cyitari icya kure tuzisanga tubikora. Reka rero twe kuba abapfapfa, ahubwo turebe kure, maze twige kuzigamira ejo hazaza.

Iri hame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy’umwaka umwe:

Umusingi ku byagezweho.

Ibabazo byo kwibazaho:

Kuri buri murungo wahiriwe mu iterambere haba hari umuntu wazigamiye abana.

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame?										
Ingengabihe kw’ ihame usoma buri muni	M	K	G	K	G	G	C			

Completed

Not completed